MURAKAZA NEZA MURI THE ANGELS EDUCARE SCHOOL (AES)

IKAZE MURI AES

(Bwana Banyangiriki Evariste, Principal)
0788625180

The Angels Educare School ni ishuri rihererereye mu Karere ka Gasabo, Umurenge wa Nduba, Gasanze. Ishuri rifite icyiciro cy`amashuri y`incuke n`icyiciro cy`amashuri abanza. Tumaze gukoresha ibizamini bya Leta incuro 3 kandi abanyeshuri bacu batsinda neza. Turabateganyiriza ibyiza byinshi rero muri uyu mwaka kandi dufatanyije namwe nta kidashoboka. Tubahaye ikaze muri The Angels Educare School, ishuri ry`intangarugero mu burere, uburezi, n'umuco.

Murakoze!
Banyangiriki Evariste
Principal

DORE BIMWE MU BYIZA BYO KURERERA MURI THE ANGELS EDUCARE SCHOOL

1. AMAFARANGA Y`ISHURI NI MAKE

AES niryo shuri ryiza ryigenga rifite icyiciro cy` amashuri abanza ryishyura amafaranga make mu Murenge wa Nduba ndetse no mu mirenge ihana imbibi n`Umurenge wa Nduba. Ikindi kandi twemerera ababyeyi kwishyura mu byiciro.
Dore imbonerahamwe y`amafaranga yose yishyurwa ku gihembwe:

No	Icyiciro	Ingano(FR)
1	Nursery 1-Nursery 3	82000
2	P1-P3	84000
3	P4-P5	87000
4	P6	89000

2. IREME RY`UBUREZI NI RYIZA

AES ni ishuri ry`intangarugero mu kwigisha neza ndetse no kurera. Dufite abarezi 17 bose bize kwigisha kandi babikunze, banabishoboye ndetse umurezi wacu yabaye indashyikirwa ku rwego rw' Umujyi wa Kigali.
Dufite kandi abarezi 2 baturuka muri Uganda bashinzwe kwigisha icyongereza neza ku buryo abanyeshuri bacu bakivuga badategwa.
Twiyemeje kandi kutarenza abanyeshuri 38 muri buri shuri kugirango umurezi abiteho neza bose.

3. ABANYESHURI BITABWAHO CYANE

Buri gitondo, abarezi 2 n`umuyobozi 1 bakirana abanyeshuri urugwiro ndetse no bakabaha ikaze bakigera ku muryango w` ikigo.

(Mu gitondo, Abana bakiranwa urugwiro)

Dufite n`uruganda rukora imigati, amandazi, na Keke. Dufite kandi urutoki ruvamo imineke ndetse n' inka zikamirwa abana. Abanyeshuri n`abarezi saa yine bagasangirira ku meza amwe.

(Abanyeshuri basangira n`abarezi)

MURAKAZA NEZA MURI THE ANGELS EDUCARE SCHOOL (AES)

4. ABAYOBOZI BAHAGIJE

AES ifite abayobozi bahagije ku buryo gukurikirana abanyeshuri, abarezi, ubuzima, imyigire n`imyigishirize biba byoroshye cyane.

No	UMWANYA	IMPAMYABUMENYI
1	**Umuyobozi w' Ishuri** *KAGABO Mansuet*	Masters, Education *0788540056*
2	**Ushinzwe amasomo n' Ikinyabupfura** *NIYIGABA Theophile*	Bachelor, Education *0788852446*
3	**Ushinzwe ubuzima bw'abana n' inyubako** *SINGIRANKABO Evariste*	Bachelor, Physiotherapy *0783280650*
4	**Umucungamutungo** *N.NSENGIYUMVA Brigitte*	Bachelor, Accounting *0788277962*

(Page 4)

Dufite kandi igikoni cya kizungu n`abatantine 6 harimo umwe wize guteka (Hoterely), abazamu 3, n' aba volunteers 3.

(Ifunguro riteguranwa isuku n`ababyigiye mu gikoni kigezweho)

5. URUGENDO-SHURI BURI MWAKA

Mu rwego rwo gutegura neza abanyeshuri mu kizamini cya Leta, ikigo gitegura urugendo-shuri ahantu nyaburanga hatandukanye nkoKu rutare rwa Kamegeri, Mu Rukari, ku mwari wa Musabo, ku ngoro y`amateka, no muri za Parike.

(Abanyeshuri mu rugendo-shuri mu Rukari)

(Page 5)

6. ABABYEYI BAGIRA URUHARE MU MIYOBORERE Y`ISHURI

Ubushakashatsi bwakozwe ***n'umuryango urwanya ubujiji mu rubyiruko (*****Fight illiteracy youth organization*** *) **FIYO**, bwagaragaje ko komite z'ababyeyi zifite umwanya ukomeye mu myigishirize myiza.* Niyo mpamvu Komite y`ababyeyi yacu idufasha: gutegura ibizamini by`akazi, gusura abarimu mu ishuri kugirango igenzure ireme ry`imyigishirize. Igenzura kandi imikoreshereze y`umutungo, ndetse igasinyisha abakozi bose imihigo, ikanakurikirana uko iyo mihigo yeswa.

(Komite y`ababyeyi igenzura imyigishirize)

7. IMYIDAGADURO

Abanyeshuri bacu baridagadura mu mikono itandukanye. Dufite abatoza ba Karate na Handball bemewe ku rwego rw`igihugu.

KWIYANDIKISHA BYATANGIYE KUWA 20/09/2021. NI BURI MUNSI MU MASAHA Y`AKAZI. KARIBU !!!

(Page 6)